REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail: bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°04/2019: **Taliki ya 01–10 Gashyantare 2019**

Ryoherejwe kuwa 12 Gashyantare 2019

Ingingo z'ingenzi:

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse mu gice cya mbere (kuva taliki 01-10) _Gashyantare_2019; cyagaragaje imvura nke henshi mu gihugu uretse mu majyepfo y'Uburengerazuba ndetse n'amajyaruguru y'Uburengerazuba aho habonetse imvura nyinshi kurusha ahandi ndetse ikanaba imvura nyinshi ku yari isanzwe imenyerewe muri utwo duce mu minsi 10 ya mbere ya Gashyantare
- Ubuhehere bw'ubutaka bwariyongereye muri iki gice cya mbere (kuva taliki 01-10) Gashyantare_2019 kubera uruhurirane rw'imiyaga iva mu Nyanja y'Ahahinde rwatumye tubona ibihe by'imvura mu karere u Rwanda ruherereyemo muri iyi minsi
- **11-20_Gashyantare_2019;** hateganyijweko ukwiyongera ku mvura yabonetse mu gice cya mbere cy'uku kwezi

I. Iriburiro

Mu gice cya mbere cya Gashyantare_2019; hagaragaye imvura nke henshi mu gihugu uretse mu majyepfo y'Uburengerazuba ndetse n'amajyaruguru y'Uburengerazuba aho habonetse imvura nyinshi kurusha ahandi ndetse ikanaba imvura nyinshi ku yari isanzwe imenyerewe muri utwo duce muri iyo minsi

a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye mu 01-10_Gashyantare_2019 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	01-10_Gashyantare_2019	01-10_Gashyantare
Kigali	7.8	27.8
Rusizi (Kamembe)	47.5	45.0
Rubavu (Gisenyi)	16.2	29.9
Nyamagabe (Gikongoro)	18.3	44.5
Ngoma (Kibungo)	27.3	31.1
Gicumbi (Byumba)	23.1	24.0
Busogo	29.9	38.5
Bugarama	62.5	32.5
Musanze (Ruhengeri)	44.9	27.9
Gitega	2.1	16.1
Byimana	4.0	36.5
Kawangire	8.7	25.6
Nyagatare	7.3	10.5

Imbonerahamwe ya1



Igishushanyo1

b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye: Ikarita zikurikira (iya **1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye mu 01-10_Gashyantare_2019 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi

Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye mu 21-31_Mutarama_2019 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki

Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 01-10_Gashyantare_2019



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 01-10_Gashyantare



Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 21-31_Mutarama_2019



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 21-31_Mutarama



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu mataliki ya 01-10_Gashyantare_2019 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse mu mataliki ya 01-10_Gashyantare_2019; cyagaragaje imvura nke henshi mu gihugu uretse mu majyepfo y'Uburengerazuba ndetse n'amajyaruguru y'Uburengerazuba aho habonetse imvura nyinshi kurusha ahandi ndetse ikanaba imvura nyinshi ku yari isanzwe imenyerewe muri utwo duce muri iyo minsi (ku bupimiro bwa Bugarama habonetse mm62.5; hafi inshuro 2 z'iyari isanzwe ihaboneka; reba **Ikarita1&2** ndetse n'**Imbonerahamwe1**); naho igiteranyo cy'imvura yabonetse mu mataliki ya 21-31_ Mutarama_2019; cyagaragaje imvura nke mu Ntara y'Uburasirazuba; mu gihe ahandi mu gihugu haboneka imvura nyinshi ndetse amajyepfo y'Uburengerazuba hagakomeza hakaboneka imvura nyinshi ugereranyije n'ahandi mu gihugu (reba **Ikarita3&4**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5: Mutarama.2019 igice cya gatatu

Ikarita5: Gashyantare.2019 igice cya mbere

Kuva taliki ya 21_Mutarama kugeza 10_Gashyantare_2019; ubuhehere bw'ubutaka bwariyongereye kubera uruhurirane rw'imiyaga iva mu Nyanja y'Ahahinde rwatumye tubona ibihe by'imvura mu karere u Rwanda ruherereyemo muri iyi minsi (reba **Ikarita 5&6**)

b) Iteganyagihe ry'igice cya kabiri Gashyantare_2019

Ibihe by'imvura mu 11-20_Gashyantare_2019 hateganyijweko ukwiyongera ku mvura yabonetse mu gice cya mbere cy'uku kwezi; ndetse iyo mvura ikazaba iri mu kigero cy'imvura isanzwe imenyerewe muri iyo minsi:

- **Umujyi wa Kigali:** hateganijwe kuboneka imvura iri ku kigero cya mm20 kugeza kuri mm60 mu byumweru bibiri
- **Intara y'Uburasirazuba:** hateganijwe kuboneka imvura y'ibijojoba kugeza ku kigero cya mm50 z'imvura mu byumweru bibiri
- **Intara y'Amajyepfo:** hateganijwe kuboneka imvura iri ku kigero cya mm20 kugeza kuri mm100 mu byumweru bibiri
- **Intara y'Uburengerazuba:** hateganijwe kuboneka imvura iri ku kigero cya mm60 kugeza kuri mm100 mu byumweru bibiri
- **Intara y'Amajyaruguru:** hateganijwe kuboneka imvura iri ku kigero cya mm40 kugeza kuri mm100 mu byumweru bibiri

Ingano y'imvura (muri mm) iteganyijwe mu byumweru bibiri biri imbere:



Ikarita7: Gashyantare.2019 kuva taliki ya 11 kugeza 17

Ikarita8: Gashyantare.2019 kuva taliki ya 18 kugeza 24

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)